# PADIRI MUNYESHYAKA YAGIZE URUHARE RUNGANA RUTE MU ITSEMBA BWOKO.

Yitwa RUKUNDO Emile akaba yarakoraga muri SULFO RWANDA,arashinja MUNYESHYAKA muri aya magambo; nageze mu buhungiro muri **Sainte Famille** njyanywe na murumuna wanjye wari Ofisiye mu ngabo zatsinzwe, ubu akaba ari muri APR. Tuhagera twasanze harinzwe n'interahamwe harimo impunzi z'abahutu n'abatutsi, bamwe mu bahutu birirwaga mu mugi bagacyurwa n'ijoro baherekejwe n'interahamwe zabaga zifite risiti y'Abatutsi bagomba kwicwa!

Padiri **MUNYESHYAKA** ntiyigeze arwanira ko ibintu byahagarikwa. Ahubwo yabujije **MINUAR** kuza kuturinda, avuga ngo abasirikare bari barinze **«bariyeri»** hafi ya Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu barahagije, yaravuze ngo aho MINUAR igeze n'inkotanyi zirara zihatashye.

Byari nko gushinja **MINUAR** ko ari **«ibyitso by'inkotanyi»** Chantal MUGABUSHAKA we yakoraga muri PNUD aragira ati; «ubuzima mu buhungiro muri SAINTE FAMILLE bwari bubi cyane, ariko iyo Padiri MUNYESHYAKA abishaka, yari kubworoshya bukaba bwiza kurushaho.

Inshuro nyinshi, abasirikare n'abajandarume baje kunshimuta ariko bagasanga nimutse aho narindi. Hari akana k'agahungu kazaga kumburira iyo abajandarume babaga baje kudushomba. Ibyo byose padiri MUNYESHAKA yari abiri inyuma. Iyo aza kubabuza kwinjira mu Kiriziya, ntibari kubirengaho ngo baje kumpiga. Yanasangiraga na bo banakoranaga n'amanama !!

Furere Damaseni we yari **Umuyozefiti** i NYAMIRAMBO ahungira muri Saint Paul, interahamwe zari zimaze kwica abafurere b'abayozefiti **18** n'abantu **80** muri **Saint Andre** ngo zihimura b' Abasenyeri **n'Abihayimana** bagiye i GITARAMA mu ntangiriro za KANAMA 1994, aragira ati; « Twakiwe neza n'abandi bapadiri uretse MUNYESHYAKA yabaga ari kumwe n'interahamwe, afite **pistolet** na **gilet pare balles** <agakote gakomeye bambara mu gatuza amasasu ageraho agataruka>. Yumvikanaga nabo cyane bamwitaga «Jeune».



Buri gitondo yajyanaga **n'interahamwe** akagaruka n'ijoro, avuga ngo akazi kamwishe, yavugaga ko avuye kwica, yanavugaga amarorerwa ye mu ruhame. Afite ikirahure cya **wisiki** mu ntoki. Furere **Damaseni** arashinja **MUNYESHAKA** kuba yarahigishije **bukware** RANGIRA **Arthur** wari avoka, MUNYESHYAKA yigeze guhamagara RANGIRA aramubwira ngo azamwica. RANGIRA ahita ahunga ahishwa n'ababikira munsi y'igitanda **MUNYESHYAKA** agumya kumushakisha, yageze naho amukurikirana muri Mille Collines, ashaka kumwica.

Yiberaga mu cyumba asenga interahamwe zica abantu muri CELA no muri Saint Paul **MUNYESHYAKA** yabaga ahari. Nta na rimwe yigeze abatambamira cyangwa ngo atuburire. Kuwa 15 Mata 1994, hagati ya saa tatu na saa tanu n'igice, Interahamwe n'Abajepe binjiye mu kiriziya, basohora abantu **120** (abagabo) bahita babarasa. Biragaragara ko hari irisiti yabagombaga gupfa bose yari yarakozwe.

Harimo abanyepolitiki, abanyenganda, abanyeshuri n'abandi basore basa n'abatutsi. Goretti UWIMANA we yakoraga muri UTEXRWA, yari atuye muri RUGENGE, bamaze kwica umugabo we , Goretti yahungiye muri Sainte Famille. Goretti yari umwe mu bategarugori bashakwaga cyane ngo bamwice kubera ko yavukiye muri UGANDA akaba ari naho akurira.

Aragira ati; « ku wa 15 Mata 1994, nka saa tatu za mu gitondo, interahamwe zaje ari nyinshi zitangira guhamagara ilisiti y'abagomba kwicwa, nanjye nari ndi kuri iyo lisiti. Gusa nashoboye kwihisha. Bamaraga kubasohora tukumva amasasu hepfo ya Kiriziya. Bajyanye abagabo gusa. Basiga babwiye Padiri MUNYESHYAKA ngo ubutaha ni abagore bazakurikiraho. Arababwira ngo abagore si ngombwa kubica, ngo kuko bo nta bwoko bagira.

MUNYESHYAKA yahaga ibyo guteka abo yishakiye,

ia karitasi yagerageje kudushakira biryo ariko byari bivunanye. Ku wa :2 Mata 1994, MUNYESHYAKA ajyanye n'interahamwe mu kigo ya CELA kwica. Dominique URANGIRWA, imyaka 28 ni mwe mubashoboye kurusimbuka, kora muri Minisiteri ya Transport 'Itumanaho. Atuye muri Segiteri RUGENGE arisobanura «mbere y'itsembabwoko n'itsembatsemba nari ntuye hafi ya J.O.C. Nari nturanye na Angeline MUKANDUTIYE wari Inspectrice akaba yari interahamwe butwi, nabanaga na barumuna bamjye babiri na bashiki banjye babiri.

Ababyeyi banjye bari barishwe n'ingabo za HABYARIMANA i BYUMBA ku wa 7 Ukwakira 1990 bababeshyera ngo ni ibyitso by'inkotanyi. Kuwa 6 Mata 1994, twumvise urusaku rw'amasasu menshi, dufunguye Radio twumva RTLM ivuga ko HABYARIMANA yarashwe, twahise twumva ko inzira y'umusaraba itangiye. Twashoboye guhungira mu kigo CELA ku wa munani Mata 1994, **interahamwe** n'**impuzamugambi** n'**abasirikare** bari batangiye gutsembatsemba.

Abapadiri bera bamaze guhungira i BUTARE mu ma tariki ya 15 Mata 1994, badusigiye imfunguzo zose, twashoboraga gutelefona tukamenya uko utundi duce twa KIGALI byifashe. Abapadiri bera bamaze guhunga, Padiri MUNYESHYAKA yaraje, ijambo rya mbere ya tubwiye niryo kutwambura imfunguzo z'icyumba telefoni yari irimo twararumwimye, yongeye kugaruka arikumwe n'abajandarume babiri, bongera kutwaka urufunguzo duhitamo guhisha **Joseph BITEGA** <ukora muri Aide et Action > wari urufite, tubabwira ko uwari urufite adahari» Liberatha we ubu yibera mu Burayi nawe yari yarahungiye muri Saint Paul aragira ati; « umunsi umwe interahamwe n'abasirikare baraje bashorera abasore 80 bamaze kugenda Padiri MUNYESHYAKA yaraje aratubwira ngo dupfukame dusengere abo basore bari bagiye kwicwa turamutsembera» Anastase KARAYIGA, imyaka 33 nawe atanga ubuhamya muri aya magambo « ku wa 6 Mata 1994, nari mgiye i Burundi mu kazi imodoka yanjye yanga kwaka **HABYARIMANA** ahanurwa nabaga ku KICUKIRO mbana n'umusore w'umuhutu twashoboye guhungira mu GATENGA ariko tuza kuhava kuwa 19 MATA 1994, duhungira kuri Sainte Famille, twagiye kurugi rwaganishaga ku nzu ya Padiri MUNYESHYAKA.

Hari umurinzi wambaye amagrenade menshi menshi atubaza icyo dushaka tumubwira ko dusaba ubuhungiro atwaka amaranga muntu yacu, abonye ko turi abatutsi, aravuga ngo ni ukubanza kubaza MUNYESHYAKA kuko ubusanzwe badaha ubuhungiro abatutsi...nyamara nyuma y'amasaha ane yose nibwo MUNYESHYAKA yaje, atubwirana uburakari ngo nimwinjire ariko umutekano wanyu nimwe ureba, ndamushinja kuba yaritwazaga intwaro kandi akaba yaragiranaga amanama na Perefe RENZAHO, COLONELI MUNYAKAZI, NYIRABAGENZI Odetta, MUKANDUTIYE, N'izindi nterahamwe zagize uruhare mu kuyogoza Kigali bica abantu».

Abandi bashinja PADIRI MUNYESHYAKA ni Bernadette KANZAYIRE < A.V.P.> YOSEFA UMWANGAVU, ROSA RWANGA, ndetse bakamurega kuba yarasambanyaga bamwe mu bakobwa bari muri Saint Paul ngo yarangiza akabahungirishiriza muri Hotel des Milles Collines.









**Mukwiregura,** PADIRI MUNYESHYAKA yemeza ko ibintu aregwa ari ukumuharabika, akongera agatangaza ko yakoze uko ashoboye kugirango arokore abantu benshi baba abatutsi baba abahutu.

*. La REDACTION*